**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA NYAMASHEKE**

**Ref N⁰ 2895 ...../03.07/2021** **Nyamasheke ku wa 15 DEC 2021**

# ITANGAZO

Hashingiwe ku ibaruwa No 1285 REB/TDM&CGC/2021 yo ku wa 07/12/2021 Umuyobozi Mukuru wa REB yandikiye Uturere asaba gutoranya no kohereza abarimu bazahabwa buruse (Scholarship) ; Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamasheke buramenyesha abarimu basanzwe bari mu kazi ku rwego rwa A2 cyangwa A1 bize uburezi bifuza gukomeza amashuri ko hari Buruse 10 zizahabwa abarimu bo mu Karere ka Nyamasheke (8 barangije A2 mu burezi na 2 barangije A1 mu burezi).

Ibizashingirwaho mu gutoranya abarimu bifuza buruse ni ibi bikurikira :

1. Kuba ari umunyarwanda
2. Kuba afite imyaka iri munsi ya 35
3. Kuba afite A2 cyangwa A1mu mashuri nderabarezi (Normale primaire, TTC, Colleges of Education) kandi yararangizanyije amanota amwemerera gukomeza kwiga amashuri makuru na Kaminuza
4. Kuba nyuma y'igihe cy'igeragezwa afite nibura uburambe mu kazi butari munsi y'imyaka itatu (3)
5. Kuba ari inyangamugayo
6. Kuba atarigeze ahagarikwa mu kazi mu gihe kingana n'amezi atatu (3)
7. Kuba atarigeze akatirwa burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6)

**ICYITONDERWA**: Abize amasomo ajyanye n'imibare na siyansi (Mathematics and Sciences) kimwe n'abagore n'abakobwa by'umwihariko barasabwa kubyitabira.

**Dosiye isaba Buruse igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira :**

1. Ibaruwa isaba Buruse yandikiwe Umuyobozi w'Akarere
2. Fotokopi y'impamyabumenyi (Diplôme) iriho umukono wa noteri
3. Fotokopi y'indangamuntu
4. Fotokopi y'ibaruwa ya burundu imushyira mu kazi
5. Icyemezo cy'uko ari mu kazi (In-service testimonial)
6. Icyemezo cy'Umuyobozi w'Ikigo akoraho cyemejwe n'Umurenge kigaragaza ko yitwara neza mu kazi

Dosiye isaba Buruse igomba kuba yagejejwe mu Bunyamabanga Rusange bw'Akarere ka Nyamasheke bitarenze kuwa 22/12/2021 saa kumi n'imwe z'igicamunsi (5h00 PM).

Bikorewe I Nyamasheke kuwa 13/12/2021

AKARERE KA NYAMASHEKE

**MUKAMASABO Appolonie**

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke